Our Health
Our Future

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO N'ABAFATANYABIKORWA BA RSSB

Hashingiwe ku itangazo rya Minisitiri w'intebe ryo ku wa 21/03/2020 rimenyesha ingamba zo kurwanya ikwirakwiza rya Korona virus (COVID-19), ubuyobozi bukuru bw'ikigo RSSB buramenyesha abanyamuryango n'abafatanya bikorwa bacyo ibi bikurikira:

- Imenyekanisha ry'imisanzumu yose rikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga uko bisanzwe binyuze ku rubuga rw'ikigo cy'imisoro n'amahoro www.rra.gov.rw;
- Kwandikisha abakozi bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga binyuze ku rubuga www.rssb.rw;
- Abakoresha basaba icyemezo ko nta mwenda babereyemo RSSB bisabwa hakoreshejwe ikoranabuhanga banyuze ku rubuga www.rra.go.rw . Ushahaka ibindi bisobanuro wahamagara 0788 76 93 12/0788 53 30 22;
- Gusaba ubwishingizi bw'indwara ku bakozi b'ibigo byigenga, bibaye bihagaze;
- Kwandikisha umukozi mushya ku kigo gisanzwe mu bwishingizi bw'indwara bwa RSSB byoherezwa kuri info@rssb.rw . Ukeneye ibisobanuro wahamagara 0788213118/ 0788408404;
- Kwandikisha abakozi n'abo bishingira; ku bigo byigenga byasabye bikemererwa ubwishingizi bw'indwara bwa RSSB, binyuzwa kuri info@rss.rw;
- Impushya zo kwivuza z'igihe gito zarengeje igihe n'iziri hafi kurangira zongerewe igihe kugeza taliki 31/05/2020;
- Umwana w'urihinja utarabona ikarita yo kwivuza hazaba hakoreshwa icyemezo cy'amavuko gitangwa no kwa muganga kugeza agize amezi 6 igihe akeneye ubuvuzi;
- Umukozi utarabona ikarita yo kwivuza ariko yaramaze kwandikwa no gutangirwa imisanzu azaba akoresha indangamuntu kugirango abone serivisi zo kwivuza. Ukeneye ibisobanuro wahamagara 0788 21 31 18/ 0788 40 84 04;
- Ku mavuriro; ibikorwa by'ubuvuzi bisaba uburenganzira bwa muganga ngishwanama (Medical Advisor) wa RSSB mbere y'uko bihabwa abanyamuryango, umuganga azajya avugana kuri telephone na muganga ngishwanama wa RSSB (si ngombwa ko umurwayi aza ku biro bya RSSB);

- Kuri za farumasi; gusaba uburenganzira bwa muganga ngishwanama (Medical Advisor) wa RSSB ku birebana n'imiti mbere y'uko ihabwa abanyamuryango, bizajya bikorwa kuri telephone. Farumasi zizajya zivugana n'umuganga ngishwanama wa RSSB (si ngombwa ko umurwayi aza ku biro bya RSSB);

- Ku banyamuryango ba Mituweli icyangombwa cyajyaga kiva mu kagari kugirango abana batarafata indangamuntu bahabwe amakarita ntikikiri ngombwa;

- Icyemezo cy'amavuko gitangwa n'ivuriro cyajyaga kimara amezi atatu (3) umwana ahabwa ibikorwa by'ubuvuzi kuva avutse kizajya kimara amezi atandatu (6);

- Kwishyura umusanzu birakomeza hifashishijwe ikoranabuhanga (SACCOs, Irembo na Mobicash) nkuko byari bisanzwe. Turabibutsa kandi ko kwishyura umwaka wa 2020/2021 byatangiye ku banyamuryango bamaze kwishyura umusanzu wa 2019/2020;

- Kwakira dosiye nshya zisaba amafaranga ya pansiyo, ay'ibyago bikomoka ku kazi cyangwa agenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bibaye bihagaze; Ukeneye ibisobanuro wahamagara 0788303446;

- Kwiyandikisha cyangwa kwizigamira muri EjoHeza birakomeje ukoreheje telefoni *506#, kwandikisha umwana uri munsi y'imyaka 16 bikorwa unyuze ku rubuga https://ejoheza.gov.rw Ku bindi bisobanuro wahamagara umurongo utishyurwa 5006 cg 0788309342/0788443662/0788962538;

RSSB irakomeza gukangurira abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bayo gukoresha uburyo bwavuze haruguru mu rwego rwo kubohereza kubona servisi ndetse hanirindwa ikwirakwiza rya Corona virus.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara ku murongo utishyurwa 4044 cyangwa mukatwandikira kuri info@rssb.rw

Bikorewe i Kigali ku wa... 27/03/2020

Regis RUGEMANSHURO
Umuyobozi Mukuru